No 96 Gicurasi 2014

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## Ijambo ry'ibanze

***Ku nkunga Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki rigenera Imitwe ya politiki irigize, harimo no kubaka ubushobozi bw'inzego z'abagore, baba abanyamuryango, baba n'abari n'abari mu nzego z'ubuyobozi bw'iyo Mitwe ya politiki.***

***Aya mahugurwa akaba agamije gushishikariza abagore kujya mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa politiki n'izindi nzego za Leta zifatirwamo ibyemezo.***

***Andi masomo bari guhabwa n'abashishikariza kwinjira mu bikorwa by'iterambere no gutinyuka kwihangira imirimo no kugana amabanki.***

***Mu ngingo ziri muri ibi biganiro kandi harimo na Gahunda ya « Ndi Umunyarwanda »***

***Amashyaka yemewe mu Rwanda agize Ihuriro uko ari 11 akaba ari guhugura aba bagore mu Gihugu hose***

***Ubwanditsi***

## KU NKUNGA Y'IHURIRO ABAGORE MU MITWE YA POLITIKI BAKOMEJE GUHABWA AMAHURWA

Abagore bagera kuri 40 bahagarariye abandi bari mu ishyaka riharanira Ukwishyira ukizana kwa buri muntu (PL : Parti Liberal) bo mu ntara y'Iburasirazuba, kuwa 18 Gicurasi 2014 bahuriye i Rwamagana, bahabwa amasomo nyongerabumenyi ku ruhare rw'umugore w'umunyapolitiki mu iterambere ry'igihugu ndetse no mu bukungu.



Abagore bo muri PL

Bamwe mu bagore bari muri PL mu ntara y'Iburasirazuba, batanga ubuhamya kuri bagenzi babo ko bahereye ku bintu bike cyane ubu bakaba bageze ku ntera ishimishije biteza imbere. Mukandayisabye Solange, ukomoka mu murenge wa Kibungo mu karere ka Ngoma, atangaza ko yikuyemo ubwoba atangirira kuri duke, ariko ubu arifashije.

Agira ati "Nahereye ku mafaranga ibihumbi mirongo itanu, ariko ubu ngeze ku rwego rwo gusaba inguzanyo irengeje miliyoni. Natangiriye ku murimo wo gusuka imisatsi, umurimo wanjye nawuhaye agaciro kuko watumye nshobora kwiyubakira inzu kandi n'abana banjye biga mu mashuri meza. Singira ipfunwe ryo kujya mu bandi, cyangwa ngo ntinye gutanga inkunga aho bishoboka."

Asaba abagore kutitinya bagakorana na banki cyangwa bakajya mu matsinda y'ubwisungane, kuko iyo umuntu atinyutse ari bwo agira icyo ageraho.

Aya mahugurwa ahabwa abagore bari mu mitwe ya Politiki atangwa ku bufatanye n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda. Abayitabira basangira ibiganiro kuri gahunda z'iterambere, n'uruhare rwabo muri Gahunda ya Ndi Umunyarwanda, byose binyuze mu buhamya n'ibiganiro.

Ibi biganiro byahawe kandi *Abagore bahagarariye abandi mu ntara n'Umujyi wa Kigali mu Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (PSD), amahugurwa yari agamije kubatinyura kwinjira muri politiki, ndetse no kumva ko ari bo pfundo rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda.*

Aba abagore 40 bahagarariye abandi mu ishyaka PSD mu mujyi wa Kigali babwiwe ko kutitinya, kwigirira icyizere, kwitabira gahunda za leta, kumvikana n'abo bashakanye ndetse no guhuza inshingano z'urugo na gahunda za leta, ari bimwe mubyo basabwe

Mu masomo bahawe na bamwe mu bayobozi bakuru ba PSD abo bagore bibukijwe ko Igihugu gihera mu rugo ndetse no ku bana bato kuko ari bo bagomba guhindura amateka yacyo. Beretswe kandi ko umugore afite uruhare rukomeye mu miyoborere y'igihugu kuko iyo baza guhaguruka nta kibi cyari kukibamo. Hon Gahongayire Aurelie, Umunyamabanga Mukuru wungirije ufite iterambere mu nshingano ze muri PSD, atangaza ko iyi gahunda yateguwe hagamijwe kongera gukangura abagore bo muri PSD kugira uruhare muri gahunda na politiki by'igihugu.



Hon Gahongayire Aurelie

Aya masomo ya Politiki ahabwa abagore bahagarariye abandi muri PSD, akaba yarahawe abagore 40 muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali.

## THE YPLA PARTICIPANTS TRAINED ON THE GENDER AND POLITICS SKILLS



On evening of Tuesday 20/05/2014, The Vice Mayor in charge of Social Development in the Kigali City Madam Hope TUMUKUNDE briefed the YPLA participants on the Gender and politics.

The Vice Mayor introduced it by showing that the equal rights, responsibilities and opportunities of women, men, girls and boys is the Gender equality, which is achieved when the different behaviors, aspirations and needs of women and men are equally valued and taken care of in a manner that does not reinforce inequalities. She said that the Gender roles vary according to socio-economic, political and cultural contexts, and are affected by other different factors including age, class and so on.

Tumukunde reminded to these aspirant politicians that women make a significant contribution in the socio-economic development transformation processes, and the government of Rwanda has strived to promote gender equality so as to enable women to play their respective role. "As women are the major drivers of development, people must dedicate themselves to transforming relations between men and women at all levels of society" she added.

She ended by calling upon these new generation in politics to respect the Universal Declaration on Democracy, which stated that the achievement of democracy presupposes a genuine partnership between men and women in the conduct of the affairs of society in which they work in equality and complimentarity, drawing mutual enrichment from their differences and the concept of democracy will only assume true and dynamic significance when political policies and national legislation are decided upon jointly by men and women with equitable regard for the interests and aptitudes of both halves of the population.

The YPLA is one of the capacity building program developed since February 2010 by the NFPO. The program aimed to preparing youth in political parties for leadership roles, and in addition equip the youths with the necessary skills and knowledge to meaningfully participate in national governance and development.
Four activists under age 35 from each of Rwanda's 11 registered political parties attended three evening classes each week for 6 weeks. Sessions led by local political experts and academics cover different topic. Among these topics, the young politicians gained the knowledge on gender and politics.

All trainees stressed their satisfaction to have an expert like Hope and they promised to bring back this knowledge in their respective political partis.

## IHURIRO RYISHIMIYE IBIPIMO BYAGARAGAJWE N'UBUSHAKATSI BWA SENA

Ububushakashatsi bushya ku buryo Abanyarwanda bumva gahunda zigamije kubahuriza hamwe mu busabane busesuye no gushaka umuti w'ibibazo bahura nabyo bwashyizwe ahagaragara na Sena y'u Rwanda kuri uyu wa gatanu tariki 30 Gicurasi ari nayo yabukoze, buragaragaza ko Abanyarwanda 61,3% bizera amashyaka yemewe mu Rwanda.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki; Bwana KAYIGEMA Anicet akaba yishimiye ibyavuye muri ubwo bushakashatsi kuko abanyarwanda bagenda basobanukirwa kurusha mu gihe cyashize aho batifuzaga no kuyumva.

Ubu bushakashatsi buvuga ko abaturage babwiye ababukoze ko bizera Perezida wa Repubulika 98,7% kuko yatumye u Rwanda rumenyekana, akaba abakemurira ibibazo kandi afitiye igihugu icyerekezo cyiza.



Izindi nzego zizewe cyane ni nk'igisirikare bizera ku ijanisha rya 96,2 kubera ko ngo bafite umutekano usesuye kandi n'amahanga akaba agifitiye icyizere.
Ubushakashatsi bukavuga ko impanvu icyizere ku mashyaka kitazamutse cyane ahanini bituruka ku mateka y'amashyaka mu Rwanda, ariko nta n'uwakwirengaziza ko bituruka no ku kuba ahanini amwe mu mashyaka yegera abaturage ari uko igihe cy'amatora kigeze kugira ngo bibonere amajwi abahesha imyanya.
Sena ariko inagaragaza ko yishimira iyi mibare kuko ngo mu bushakashatsi ku bijyanye n'ubwiyunge "Reconciliation Barometer" bwo mu mwaka wa 2010, ho ibipimo byagaragazaga ko 30% aribo bizera amashyaka gusa.